REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT ASSOCIATIF
B.P. 1044 KIGALI

Kigali, le

N° 21/20

Monsieur l'Encadreur Préfectoral
de la Jeunesse et des Associations
KIBUNGO

Objet :
Formation Civique des
Représentants des Jeunes.

Monsieur l'Encadreur Préfectoral,

Dans la suite des recommandations du diagnostic sur la situation des programmes et actions en faveur de la jeunesse, le Ministère de la Jeunesse et du Mouvement Associatif organise en collaboration avec la Préfecture de KIBUNGO la formation civique des représentants des jeunes du 6 au 12 août 1995. Cette formation aura lieu dans les locaux de l'ETO-KIBUNGO.

La formation civique à KIBUNGO vise de façon globale à assurer aux jeunes, par l'intermédiaire de leurs représentants, une base civique qui devrait leur servir de plateforme aux actions de reconstruction nationale et à donner une impulsion à l'auto-organisation de la jeunesse en vue de la production.

Il vous est demandé d'aviser à temps les participants à cette formation et de procéder aux autres préparatifs nécessaires convenus.

Le Ministre de la Jeunesse
et du Mouvement Associatif

MAZIMHAKA Patrick

## 2. UBUHUNZI MU RWANDA

Ubuhunzi mu Rwanda ni ikibazo kibangamiye Abanyarwanda bose, haba impunzi ubwazo cyangwa abasigaye mu gihugu. Muri izo mpunzi hari izahunze ubutegetsi bwagiye busimburana mu Rwanda, hari n'izindi zahunze ingaruka z'ibikorwa bibi zakoze mu gihugu. Ubuhunzi mu Rwanda, cyo kimwe n'ahandi kw'isi, buteye ugutatu :

a) HARI IMPUNZI ZABITEWE N'IMIBANIRE Y'IMIRYANGO

Izi mpunzi zabayeho cyane cyane mbere y'ubukoloni. Icyo gihe mu Rwanda hashoboraga kuvuka amakimbirane hagati y'ibikomangoma yo gusimbura UMWAMI watanze. Uwatsindwaga byababaga ngombwa ko ahunga n'umuryango we. Imiryango niyo icyo gihe yahungaga. Abazwi ni :

- ABAKUSI bagiye mu cyinyejana cya 19 ubu bakaba baba muri Tanzaniye ahitwa IBANDA.
- ABANYAMURENGE (BA MUNTU) bagiye mu cyinyejena cya 18 bakaba barafashe izina ry'aho batuye i MULENGE muri Zaïre mu majyepfo ya KIVU. Ubu abenshi muri aba baratashye nyuma y'intambara yo kurwanya igitugu.

b) HARI IMPUNZI Z'UBUKUNGU

Izi mpunzi zabayeho mu gihe cy'ubukoloni. Ubwo Abazungu bazaga bashatse guhindura imikorere y'Abanyarwanda, babatoza guhinga izindi mbuto zitaribwaga n'Abanyarwanda : IKAWA n'ICYAYI. Maze izo mbuto bazibahingisha ku ngufu kandi bakazihinga mu butaka bwiza ahahingwaga ibihingwa ngandurarugo (ibijumba, amasaka, ibishyimbo). Byaje gukabya maze bivamo inzara z'urudaca nka GAHORO, RUMANURA, RUZAGAYURA... aho hari hagati ya 1919 - 1945. Byatumye abantu bahunga bajyaga gushaka aho babona ibibatunga. Ikindi cyatumye inzara ikabya ni biriya bise SHIKU n'imilimo y'uburetwa itaratumaga umuntu abona umwanya uhagije wo gukora mu kwe ngo abone umusaruro uhagije watunga urugo. Kandi ibyo bahingaga muri SHIKU byasarurwaga aruko umuntu abonye uruhushya ndetse bimwe bikaborerera mu mirima (IBIJUMBA). Ibi byatumye abantu bahunga. No muri 1988 hari abahunze inzara bava za GIKONGORO.

c) HARI N'IMPUNZI ZA POLITIKI

Izi mpunzi zatewe n'ubutegetsi bubi bwababaga buganje mu gihugu. Zagiye ziboneka mu Rwanda kuva ku ngoma y'Abami kugeza ejo bundi ku marembera ya Repubulika ya II. abahunze kubera izo mpamvu, bahungiraga mu bihugu duturanye.

- Mu gihe cya mbere y'ubukoloni nta mpunzi zatewe n'ubutegetsi bubi zigaragara.
- Mu gihe cy'ubukoloni, habayeho gukandamiza abaturage mu nzira yo gukoresha uburetwa n'ikiboko. Ibi byatumye abantu benshi biganjemo abasore bigira Uganda na Tanzaniya

- Mu gihe cya Repubulika ya mbere, guhera mu mvururu zo 1959, abantu batangiye guhunga u Rwanda bigira i Burundi, Zaïre, Uganda na Tanzaniya kugeza muri 1973 irunduka abantu bari bagihunga. izo nizo zitwa <u>impunzi za cyera</u> muri iki gihe.

- Kuri Repubulika ya II habayeho impunzi zatewe na politiki bise "IRINGANIZA MU MASHURI NO MIRIMO". Iri ringaniza ryatumye abantu bahungira mu bindi bihugu bajya gushaka amashuri cyangwa akazi. Iyi ngoma yagiye itoteza abatavuga rumwe nayo maze bakagenda bigira hanze kuko bumvaga bafite umutekano muke mu Rwanda, cyane cyane muri za 1980.

- Aho intambara yo 1990 itangiriye habayeho ihigwa ry'Abatutsi n'Abahutu batavugaga rumwe na Perezida HABYARIMANA, barahizwe bitwa ibyitso by'INKOTANYI, maze abashoboye kwihisha barahunga.

- Hatangiye n'ibikorwa by'ubwicanyi byo gutsemba abagogwe ndetse n'Abatutsi za <u>BUGESERA</u> na <u>KIBUYE</u>, barahunga muri Komini GISHYITA na RWAMATAMU.

- HABYARIMANA amaze gupfa hakajyaho ubutegetsi bw'abiyise ABATABAZI, akaba ari nabo bakomeje gahunda y'itsembabwoko bakayisoza, barahunze bamaze gutsindwa maze bakoresheje Radios n'ibinyoma byinshi bajyana abaturage iyo bahungiye babafasheho ingwate barenga Miliyoni ebyiri.
  Abo nibo twita <u>impunzi shya</u> zo muri 1994.

Icyo twavuga ni uko izi mpunzi hafi ya zose zimaze gutaha, cyane cyane iza cyara. Izisigaye zikiri nyinshi ni impunzi zagiye Zaïre n'izagiye TANZANIYA. Ariko nazo ubu ziratahuka ku munsi ku munsi, i BURUNDI ziri hafi gushirayo.

## 3. INGARUKA Z'UBUHUNZI

Ubuhunzi bufite ingaruka mbi nyinshi ku Banyarwanda bose ari abari mu gihugu, ari impunzi ubwazo ndetse no ku gihugu muri rusange.

a) <u>KU BAHUNZE</u> :

1° Kubura uburenganzira bw'ubwenegihugu

2° Ubukene n'inzara bagahora bateze amashyi ku miryango mpuzamahanga

3° Gutandukana n'ababo (abana na ba nyina, abagabo n'abagore)

4° Kubura amashuri ku bana, kutavurwa neza kandi hakunze kugaragara indwara z'ibyorezo (macinya, kolera, mugiga)

5° Umutekano muke kubera ibihugu bahungiyemo bibatoteza

Ingero : * 1981, obote yishe Abanyarwanda abandi abatesha imitungo yabo
* I Burundi impunzi z'abanyarwanda zaguye mu macakubiri hagati y'Abahutu n'Abatutsi baho muri 1988, 1993, 1994.

6° Guta umuco : Usanga impunzi igerageza kwiga ururimi rw'aho yahungiye n'imico yaho kugirango ibone uko yihisha ntimenyekane bajye bagirango nayo n'umwenegihugu.

b) KU BARI MU GIHUGU :

1° Gutana n'ababo

2° Kugira umutima uhagaze ngo impunzi zizabatera

3° Inzara ishobora guterwa n'uko abantu badakora bitewe no kubura icyizere cy'ejo hazaza kuko bahora bikanga ibitero.

c) KU GIHUGU MURI RUSHANGE :

1° Gutakaza bamwe mu bana bacyo

2° Kubura amaboko yongeraga umusaruro mu buhinzi, mu nganda n'abandi banyabwenge. Umubare w'abakoraga uragabanuka.

3° Umutekano muke uterwa n'izo mpunzi iyo zidatashye neza ahubwo zikiyemeza kurwanya Leta cyane cyane iyo yazangiye gutaha ku neza.

Urugero : - Kuva muri 1963 kugeza muri 1967, Inyenzi zateraga u Rwanda maze igihugu kigahora ku nkeke
- 1990, u Rwanda rwagiye mu ntambara ndende biturutse ku bibazo byinshi ariko icy'Impunzi cyari mu by'ibanze.

4° Umutungo ntiwiyongera neza. Haba habuze abakozi ndetse n'abaguzi.

## 4. INGAMBA ZO GUKEMURA BURUNDU IKIBAZO CY'IMPUNZI MU RWANDA

Kugirango ikibazo gikemurwe burundu kandi ntizizongere kubaho hagomba :

1° Ubutegetsi buharanira ubumwe bw'abaturage, bukarwanya akarengane ako ari ko kose n'aho kaba gashingiye hose, haba ku moko, ku turere, ku madini cyangwa ibindi. Umuco w'ubupfura n'ubumwe ugomba kugaruka mu banyarwanda

2° Ubutegetsi bumenya kandi bukubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu, bukamushakira umutekano ntahohoterwe igihe icyo ari cyo cyose.

3° Gucyura impunzi zose n'aho ziri hose maze izidatashye zigahabwa uburenganzira bw'umunyarwanda nta mananiza. Impunzi nazo ariko zikabishyiramo ubushake, zikiyemeza koko kuba Abanyarwanda no guharanira icyaruteza imbere aho ziri hose.

4° Gushyiraho gahunda y'imikorer yatuma umusaruro uboneka kandi uhagije, imilimo ikaboneka, umuntu ntiyumve ari ngombwa kuva mu gihugu cye ngo ajye gushaka iyo byeze.

5° Kujijura Abanyarwanda, bagatozwa kubana nta makimbirane n'imyiryane ibarangwamo, bakamenya uburenganzira bwabo n'amategeko abagenga, bakamenya n'uruhare bagomba kugira mw'ikemurwa ry'ibibazo igihugu gihura nabyo

6° Leta n'Abayobozi bayo bagomba kwubahiriza amategeko, ubutabera busesuye bugahabwa intebe, maze ukosheje agahanwa hakurikijwe amategeko.

7° Itangazamakuru rigomba gufasha Leta gusobanurira impunzi ibibera mu gihugu kugirango zishobore gutaha nta kwishisha.

8° Amahanga acumbikiye impunzi akwiye kuzifasha kwumva ko nta handi zishobora kwisanzura nko mu gihugu cyazo; naho imiryango mpuzamahanga n'ibihugu bikomeye bikarwanya imikorere yatuma impunzi zifatwaho ingwate n'abafite inyungu zabo baharanira. Ikindi kandi akazibwiza ukuri kubibera mu gihugu nta gukabya nta kubogama.

9° Ikindi abaturage bakwiye kwihanganira gutungwa n'umusaruro wabo, ntibumveko ibyiza ari uguheza undi ngo ujye mu bye, ahubwo babahamagare bafatanye gukora revolisiyo y'ukuri, demokarasi ishingiye ku benegihugu n'iterambere rishingiye k'ubukungu bw'igihugu

## 5. <u>UMUSOZO</u> :

Kugira igihugu, ukakibamo, ukanakigiraramo uburengnzira bwawe bwose, ni ngombwa kuri buri muntu kandi ni uburenganzira bwe. Ni ngombwa rero ko ikibazo cy'ubuhunzi mu gihugu cyacu.

Cyakemurwa burundu, buri munyarwanda akagira uburenganzira bungana n'ubwa mugenzi we mu gihugu cyabo kandi buri wese akagira uruhare mu kukizamura mu mibereho n'ubukungu.

Umunyarwanda wese aho ava akagera yagombye kwumvako atagomba gushyamirana na mugenzi we kuko ingaruka zabyo zibafataho bose uko bangana, bose bagaharanira ubumwe n'ubusabane kugirango bafatanye mu kwiteza imbere.

Ibi bigomba demokarasi nyakuri igomba guharanirwa kandi ikaboneka mu bwitange bwa buri munyarwanda, buri wese akemera kwitanga ngo igerweho. Niho u Rwanda ruzashobora kubona ituze, amahoro akaganza.

# UMUGEREKA

Imibare yerekana uko impunzi z'abanyarwanda zanganaga imbere y'uko Leta y'ubumwe ijyaho na nyuma y'umwaka iriho uko ibintu byari bimeze.

| Ubwoko bw'impunzi Izacyera n'Inshya | Igihugu zarimwo | Uko zanganaga mbere ya 7/1994 | 6/95 | Abamaze gutaha | % |
|---|---|---|---|---|---|
| Impunzi za cyera | Zaïre | 441.097 | 251.097 | 190.000 | 45 |
| | Uganda | 261.673 | 21.673 | 240.000 | 91 |
| | Burundi | 240.218 | - | 240.218 | 100 |
| | Tanzaniya | 81.408 | 11.408 | 70.000 | 85 |
| | Ahandi | 20.000 | 20.000 | - | 0 |
| Total (Bose hamwe) | | 1.044.396 | 304.178 | 740.218 | 70 |
| Impunzi nshya | Zaïre | 1.600.000 | 1.050.000 | 550.000 | 34 |
| | Tanzaniya | 450.000 | 280.000 | 170.000 | 38 |
| | Burundi | 250.000 | 130.000 | 120.000 | 48 |
| Total | | 2.300.000 | 1.415.000 | 840.000 | 36 |
| Impunzi zo hagati mu gihugu | Cyangugu | 50.000 | - | 50.000 | |
| | Kibuye | 100.000 | - | 100.000 | |
| | Gikongoro | 450.000 | - | 450.000 | |
| | Ahandi | 100.000 | - | 100.000 | |
| Total | | 700.000 | - | 700.000 | 100 |